**A Ubuntu ku bwoko bw'Abisirayeli (Yosuwa 2:1, 22–24):**

- ❖ **Amahirwe ya kabiri.**
  - — Igihe Mose yoherezaga abatasi gutata Kanani, abantu banze kuyijyamo. Nyuma y'imyaka 40, abatasi bashya baroherejwe, umusaruro uza utandukanye n'uwa mbere:
    - (1) Abatasi baroherezwa: Ku mugaragaro (abatasi 12)/Mu ibanga (abatasi 2)
    - (2) Imikorere y'abatasi: Iminsi 40 yo kugenzūra/Iminsi 3 mu bwihisho
    - (3) Abatasi bavuga ibyo bagezeho: Baciye intege abantu/Bateye imbaraga Yosuwa
  - — Nubwo igisekuru gishya cyari cyaratsinzwe bikomeye imbere y'ikigeragezo cya Balamu, Imana yabahaye amahirwe ya kabiri (Kubara 25:1–3, 31:16; Yosuwa 2:1).
  - — **Icyo gihe nta mbuto z'inzabibu, cyangwa izindi mbuto bakuye muri icyo gihugu. Bazanye gusa inkuru yo kwizera (ya Rahabu), yashishikarije Isirayeli kwigarurira Igihugu cy'Isezerano**.

**B Ubuntu kuri Rahabu (Yosuwa 2:2–21):**

- ❖ **Kwizera kw'akabuto ka sinapi.**
  - — Ukwizera kwa Rahabu kwari gushingiye kuki (Yosuwa 2:9–11)? Menya ko Rahabu avuga ibintu byari bizwi na bose, nko kwambuka Inyanja Itukura. Ariko mu gihe abandi batinye Imana y'Abaheburayo, we yahisemo guhungira munsi y'amababa yayo (Yosuwa 2:12–13).
  - — Niba yarizeraga Imana, kuki yakoresheje ikinyoma kugira ngo afashe abatasi? Ukwizera kwe kwari kutarakura ntabwo kwashoboye kumva neza ubushake bw'Imana. Yakoze uko abyumva kugira ngo afashe abatasi ndetse arokore ubuzima bwe n'ubw'ab'umuryango we. Ubumenyi bwajyaga kuza hanyuma.
  - — Bibiliya imushimira icyemezo yafashe; kubera gusobanukirwa uburyo Imana ikora; n'uburyo yashyigikije amagambo ye imirimo ifatika (Yakobo 2:25).
  - — Rahabu ni urugero rw'ibyajyaga kuba ku muturage wese wa Yeriko wari kwiyegurira Imana.
- ❖ **Isezerano ryageze kuri Rahabu.**
  - — Igitekerezo cya Rahabu nticyashidikanywaho: Nagize neza [*hesed*] ndabakiza; noneho namwe mugire neza munkizanye na bene wacu (Yosuwa 2:12–13).
  - — Nubwo Rahabu atari abizi, yasabye Abisirayeli kumugirira nk'uko Imana ubwayo yagiriye Abisirayeli, ni ukuvuga kubagirira ineza [*hesed*]  (Gutegeka 7:12).
  - — Abatasi basabye Rahabu kubahiriza ibyo basohoje kugira ngo barokoke urupfu muri Egiputa. Muri ubwo buryo, yashyizwe mu isezerano Imana yahaye Isirayeli.
    - (1) **Isirayeli kuri Pasika**
      - (a) Bagombaga gusīga amaraso ku nkomanizo (Kuva 12:7)
      - (b) Uwari kuva mu nzu, yari gupfa (Kuva 12:13)
    - (2) **Rahabu i Yeriko**
      - (a) Yagombaga gushyira akagozi gatukura mu idirishya rye (Yosuwa 2:18)
      - (b) Iyo aramuka avuye mu nzu, yari gupfa (Yosuwa 2:19)

**C Ubuntu ku Bagibeyoni (Yosuwa 9):**

- ❖ **Intumwa zishukana.**
  - — Rahabu yabeshye bya gitunguro kugira ngo arokore abatasi. Ariko, Abagibeyoni babeshye nkana, bagambiriye kubeshya, bakoresheje amayeri (reba Itangiriro 3:1a).
  - — Nk'ingaruka, Rahabu yahawe ubwenegihugu bwuzuye bwa Isirayeli, bnyamara Abagibeyoni biba abaretwa b'Abisirayeli iteka ryose.
  - — Ku rundi ruhande, abayobozi ba Isirayeli bananiwe kugisha inama Imana (Yosuwa 9:14).
- ❖ **Umugisha n'umuvumo.**
  - — Kurokora ubuzima bw'Abagibeyoni byari kuba ukutumvira itegeko ritaziguye riva ku Mana (Gutegeka 7:1–2). Kurenga ku ndahiro nk'iyo bari barabarahiriye nabyo byari gufatwa nk'icyaha (Yosuwa 9:19; Zaburi ya 15:4b). Iki gihirahiro bakivuyemo gute?
  - — Ubuzima bwabo bwararokotse, ariko bashyizwe mu muvumo (Yosuwa 9:20–23). Umuvumo wari uwo kuba abaretwa uko ibisekuru bihaye ibindi. Ibi byabashyize mu mubano wa bugufi n'ubwoko bw'Imana, ubwo batigeze batandukana nabwo (Nehemiya 7:6, 25).
  - — Ikigeretse kuri ibyo, kuba abavomyi n'abashenyi b'inkwi mu nzu y'Imana byabashyiriyeho umubano uhoraho n'Imana. Ku bw'ubuntu bw'Imana, umuvumo wahindutse umugisha.